

ITEKA RYA MINISITIRI N°07/10/Minicom  
RYO KUWA 25/08/2010 RIGENA  
IMITERERE N'IMIKORERE Y'AKANAMA  
K'UBUJURIRE GASHINZWE GUKEMURA  
IMPAKA ZIREBANA N'UMUTUNGO  
BWITE MU BY'UBWENGE

MINISTERIAL ORDER N°07/10/Minicom OF  
25/08/2010 DETERMINING THE  
STRUCTURE AND FUNCTIONING OF THE  
COUNCIL OF APPEAL IN CHARGE OF  
SETTLING DISPUTES RELATED TO  
INTELLECTUAL PROPERTY

ARRETE MINISTERIEL N°07/10/Minicom  
DU 25/08/2010 DETERMINANT LA  
STRUCTURE ET LE FONCTIONNEMENT  
DU CONSEIL D'APPEL CHARGE DE  
REGLER LES DIFFERENDS RELATIFS A  
LA PROPRIETE INTELLECTUELLE

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere:** icyo iri teka rigamije

**Article One:** Purpose of this Order

**Article premier:** Objet du présent arrêté

**Ingingo ya 2:** Imiterere y'Akanama  
k'Ubujurire

**Article 2:** Structure of the Council of Appeal

**Article 2:** Structure du Conseil d'Appel

**Ingingo 3:** Imiyoborere y'Akanama  
k'Ubujurire

**Article 3:** Management of the Council of Appeal

**Article 3:** Administration du Conseil d'Appel

**Ingingo 4:** Guterana kw'Akanama k'Ubujurire

**Article 4:** Meetings of the Council of Appeal

**Article 4:** Réunion du Conseil d'Appel

**Ingingo ya 5:** Imitumirize y'Akanama  
k'Ubujurire

**Article 5:** Convening a Council of Appeal

**Article 5:** Convocation du Conseil d'Appel

**Ingingo ya 6:** Ifatwa ry'ibyemezo

**Article 6:** Decision making

**Article 6:** Prise des décisions

<b><u>Ingingo 7:</u> Insimburamubyizi ku bagize Akanama k'Ubujurire</b>	<b><u>Article 7:</u> Per diem for the members of the Council of Appeal</b>	<b><u>Article 7:</u> Per diem pour les membres du Conseil d'Appel</b>
<b><u>Ingingo 8:</u> Gutanga raporo</b>	<b><u>Article 8:</u> Submission of a report</b>	<b><u>Article 8:</u> Soumission du rapport</b>
<b><u>Ingingo 9:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuraniye n'iri teka</b>	<b><u>Article 9:</u> Repealing provision</b>	<b><u>Article 9:</u> Disposition abrogatoire</b>
<b><u>Ingingo 10:</u> Igihe iri teka ritangira gukurikizwa</b>	<b><u>Article 10:</u> Commencement</b>	<b><u>Article 10:</u> Entrée en vigueur</b>

**ITEKA RYA MINISITIRI N°07/10/Minicom RYO KUWA 25/08/2010 RIGENA IMITERERE N'IMIKORERE Y'AKANAMA K'UBUJURIRE GASHINZWE GUKEMURA IMPAKA ZIREBANA N'UMUTUNGO BWITE MU BY'UBWENGE**

**MINISTERIAL ORDER N°07/10/Minicom OF 25/08/2010 DETERMINING THE STRUCTURE AND FUNCTIONING OF THE COUNCIL OF APPEAL IN CHARGE OF SETTLING DISPUTES RELATED TO INTELLECTUAL PROPERTY**

**ARRETE MINISTERIEL N°07/10/Minicom DU 25/08/2010 DETERMINANT LA STRUCTURE ET LE FONCTIONNEMENT DU CONSEIL D'APPEL CHARGE DE REGLER LES DIFFERENDS RELATIFS A LA PROPRIETE INTELLECTUELLE**

**Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda;**

**The Minister of Trade and Industry;**

**Le Ministre du Commerce et d'Industrie;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120, iya 121 n'ya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 rigamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 193;

Pursuant to Law n° 31/2009 of 26/10/2009 relating to the protection of the Intellectual Property, especially in Article 193;

Vu la Loi n° 31/2009 du 26/10/2009 relative à la protection de la propriété intellectuelle, spécialement en son article 193 ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 24/03/2010, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consiration and approval by the Cabinet, in its session of 24/03/2010;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 24/3/2010;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE :**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier : Objet du présent arrêté**

Iri teka rigena imiterere n'imikorere y'Akanama k'Ubujujire gashinzwe gukemura impaka zirebana n'umutungo bwite mu by'ubwenge.

This Order determines structure and the functioning of a Council of Appeal in charge of settling disputes related to Intellectual property.

Le présent arrêté détermine la structure et le fonctionnement du Conseil d'Appel chargé de régler les différends relatifs à la propriété intellectuelle.

**Ingingo ya 2: Imiterere y'Akanama k'Ubujurire**

Akanama k'Ubujurire kagizwe n'abantu b'impuguke bahagarariye inzego zishyira mu bikorwa Itegeko rigamije kurengera umuntungo bwite mu by'ubwenge.

Izo nzego ni izi zikurikira:

1° Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda;

2° Minisiteri ya Siporo n'Umuco;

3° Minisiteri y'Ubutabera;

4. Ikigo gishinzwe umutungo bwite mu by'ubwenge;

5° Ikigo cy'Igihugu gishizwe ubuziranenge;

6° Urwego rw'abikorera;

7° Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro.

Amazina y'abahagarariye inzego zivuzwe mu gika cya mbere atangwa mu nyandiko ku Kigo gishinzwe umutungo bwite mu by'ubwenge.

**Article 2: Structure of the Council of Appeal**

The Council of Appeal shall be composed of experts representing the authorities which implement the Law related to the protection of the intellectual property.

The authorities shall be:

1° the Ministry of Trade and Industry ;

2° the Ministry of Sports and Culture;

3° the Ministry of Justice ;

4° the Bureau of Intellectual Property;

5° the Rwanda Bureau of Standard;

6° the Private Sector Federation;

7° the Rwanda Revenue authority;

The names of the representatives of the authorities referred to in paragraph one shall be submitted in writing to the Bureau of Intellectual Property.

**Article 2: Structure du Conseil d'Appel**

Le Conseil d'Appel est constitué par les experts représentant les instances qui mettent en application la loi relative à la protection de la propriété intellectuelle.

Ces instances sont les suivantes :

1° le Ministère du Commerce et d'Industrie ;

2° le Ministère des Sports et de la Culture ;

3° le Ministère de la Justice ;

4° l'Office de la Propriété Intellectuelle ;

5° l'Office Rwandais de la Normalisation ;

6° la Fédération du Secteur Privé ;

7° l'Office Rwandais des Impôts et des Taxes.

Les noms des représentants des instances visées à l'alinéa premier sont donnés par écrit à l'Office de la propriété intellectuelle.

**Ingingo 3: Imiyoborere y'Akanama k'Ubugurire**

Akanama k'Ubugurire kayoborwa n'uhagarariye Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda, akungirizwa n'uhagarariye Minisiteri ya Siporo n'Umuco.

Uhagarariye Ikigo gishinzwe umutungo bwite mu by'ubwenge ni we Munyamabanga w'Akanama k'Ubugurire ariko ntiyemerewe gutora.

**Ingingo 4: Guterana kw'Akanama k'Ubugurire**

Akanama k'Ubugurire gaterana mu rwego rwo gukemura ibibazo by'ubugurire ku byemezo byafatiwe mu rwego rushinzwe umutungo bwite mu by'ubwenge, kandi kabifataho ibyemezo igihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) kuva igihe ibibazo byakiriwe.

Iyo ikemura ry'ikibazo risaba ubumenyi bwihariye cyangwa ubushakashatsi bugomba gukorerwa hanze y'Igihugu, impande zombi zibimenyeshwa mu nyandiko n'igihe bizamara.

Akanama gashobora guterana kifashishije abahanga mu bumenyi bunyuranye, igihe bibaye ngombwa.

**Article 3: Management of the Council of Appeal**

The Council of Appeal shall be headed by the representative of the Ministry of Trade and Industry assisted by the representative of the Ministry of Sports and Culture.

The representative of the Bureau of Intellectual Property shall be the Secretary of the Council of Appeal, but he/she shall not be allowed to vote.

**Article 4: Meetings of the Council of Appeal**

The Council of appeal shall meet to settle appeal cases against decisions taken at the level of the Bureau of Intellectual Property and to decide on the matter within thirty (30) days upon receipt of the case.

In case the settlement of the matter requires particular knowledge or research to be conducted abroad, both parties shall be informed in writing with precised duration.

The Council of Appeal may meet in the presence of experts in a various fields, if necessary.

**Article 3: Administration du Conseil d'Appel**

Le Conseil d'Appel est présidé par le représentant du Ministère du Commerce et de l'Industrie, secondé par le représentant du Ministère des Sports et de la Culture.

Le représentant de l'Office de la Propriété Intellectuelle est le Secrétaire du Conseil d'Appel mais n'est pas autorisé de voter.

**Article 4 : Réunion du Conseil d'Appel**

Le Conseil d'Appel se réunit dans le cadre de statuer sur les cas d'appel contre les décisions prises au niveau de l'Office de la Propriété Intellectuelle, et prend les décisions endéans trente (30) jours dès réception de la requête.

Au cas où la résolution du problème exige les connaissances particulières ou les recherches doivent être menées à l'extérieur du pays, les deux parties en sont informées par écrit avec précision quant à la durée.

Le Conseil d'Appel peut se réunir en faisant recours, le cas échéant, aux experts dans divers domaines.

**Ingingo ya 5:** Imitumirize y'Akanama k'Ubujurire

Akanama k'Ubujurire gatumizwa mu nyandiko ariko gashobora gutumizwa hakoreshejwe ubundi buryo, mu gihe habonetse ibibazo byihutirwa.

**Ingingo ya 6:** Ifatwa ry'ibyemezo

Akanama k'Ubujurire kemerewe gufata ibyemezo mu gihe bitatu bya kane (3/4) by'abakagize bitabiriye Inama. Ibyemezo byafashwe bihita bishyirwa mu bikorwa, mu gihe impande zombi zabyemeye.

Inyandiko imenyeshya uwajuririye icyemezo cyafashwe imushyikirizwa mu ntoki akemeza ko ayibonye cyangwa hagakoreshwa uburyo bushinganywe bw'iposita.

Mu gihe uruhande rumwe rutabyemeye, baregera inkiko zibifitiye ububasha.

**Ingingo 7:** Insimburamubyizi ku bagize Akanama k'Ubujurire

Abagize Akanama k'Ubujurire bahabwa insimburamubyizi igihe cyose bateranye.

Insimburamubyizi ingana n'amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50000 frw) ku munsu, kandi igatangwa n'Ikigo gishinzwe umutungo bwite mu

**Article 5:** Convening a Council of Appeal

The Council of Appeal shall be convened in writing but may also be convened through other procedures in case of urgency.

**Article 6:** Decision making

The Council of Appeal is authorized to take decisions when three fourths (3/4) of its members are present. The decisions taken shall be immediately enforced if both parties agree.

The letter informing the appellant about the decision taken shall be delivered to him/her in person and he/she acknowledges receipt, or a certified mail shall be used.

In case one of the parties does not agree, the case shall be referred to competent courts.

**Article 7:** Per diem for the members of the Council of Appeal

The members of the Council of Appeal shall be entitled to a per diem for each meeting.

The per diem is fifty thousand (50000 RWF) per day and shall be given by the Bureau of Intellectual Property. However, when the matter in appeal goes

**Article 5 :** Convocation du Conseil d'Appel

Le Conseil d'Appel est convoqué par écrit ou par d'autres moyens de communication, en cas d'urgence.

**Article 6 :** Prise des décisions

Le Conseil d'Appel prend des décisions lorsque trois quart (3/4) de ses membres sont présents. Les décisions prises sont directement mises en application si les deux parties en sont d'accord.

La lettre informant la partie appelante de la décision prise lui est donnée en mains avec accusé de réception ou par courrier postal recommandé.

Quand une partie n'est pas d'accord, il est fait recours aux juridictions compétentes.

**Article 7 :** Per diem pour les membres du Conseil d'Appel

Les membres du Conseil d'Appel reçoivent un per diem à chaque réunion.

Le per diem équivaut à cinquante mille (50000 frw) par jour et il est donné par l'Office de la propriété intellectuelle. Cependant au cas où

by'ubwenge. Cyakora mu gihe ikibazo cy'ubujurire kirengeje iminsi itatu (3) gisuzumwa, iminsi irengaho y'inyongera ntiyitabwaho.

Igihembo cy'abahanga bifashishijwe n'Akanama k'Ubujurire mu gufata ibyemezo, kigenwa n'Ikigo gishinzwe umutungo bwite mu by'ubwenge.

**Ingingo 8: Gutanga raporo**

Raporo yasinnye n'umuyobozi w'Akanama k'Ubujurire n'abandi yayikoranye nabo ishyikirizwa Ikigo gishinzwe umutungo bwite mu by'ubwenge mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kuva umunsi icyemezo cyafatiweho.

**Ingingo 9: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose zibanziriza iri teka kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo 10: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

over three (3) days, the extra days shall not be considered.

The allowance for the experts who assisted the Council in taking decisions shall be set by the Bureau of Intellectual Property.

**Article 8: Submission of a report**

The report signed by the chairperson of the Council of Appeal and other persons who participated in its preparation shall be submitted to the Bureau of Intellectual Property within fifteen (15) days from the date the decision was taken.

**Article 9: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 10: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

l'examen du cas d'appel dépasse trois (3) jours, les jours supplémentaires ne sont pas considérés.

La rémunération des experts auxquels le recours est fait pour prendre les décisions est fixée par l'Office de la Propriété Intellectuelle.

**Article 8 : Soumission du rapport**

Le rapport signé par le Président du Conseil d'Appel et par d'autres personnes qui ont participé à son élaboration est donné à l'Office de la Propriété Intellectuelle endéans quinze (15) jours depuis le jour de la prise de décision.

**Article 9 : Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 10 : Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 25/08/2010

Kigali, on 25/08/2010

Kigali, le 25/08/2010

(sé)

**NSANZABAGANWA Monique**  
Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

**NSANZABAGANWA Monique**  
Minister of Trade and Industry

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

**NSANZABAGANWA Monique**  
Ministre du Commerce et de l'Industrie

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux